CEPR / COMMISSION EPISCOPALE
JUSTICE ET PAIX RWANDA
B.P. 4575 Kigali Avenue de la Paix, KN 4 Av.36 Tél.: (250) 786166743
E-mail: cejprwanda1@gmail.com https://cejprwanda.org Twitter: CEJP Rwanda

# Ubutumwa bwa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro bugenewe abakristu mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 28, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda

Bakristu bavandimwe,

Turi mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 28 Jenoside yakorewe Abatutsi mu gihugu cyacu. Ni igikorwa dukora twebwe nk'Abanyarwanda ndetse n'isi yose, tuzirikana abanyarwanda bishwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi bazira uko bavutse. Kwibuka ni umugenzo mwiza kandi wa gipfura, utuma tutibagirwa abacu.

Iki gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 28 kirahurirana kandi n'ibihe bya Pasika turimo, aho tuzirikana urupfu n'izuka by'Umwami wacu Yezu Kristu. Ni umwanya nyawo wo kongera kuzirikana isano ikomeye dukomora ku Mana, twibuka ko twese turi abavandimwe, tukaba dusangiye Umubyeyi, Imana yaturemanye twese urukundo. Tukaba kandi tuzirikana ko twese twacungujwe umusaraba wa Kristu.

Turakomeza rero kuzirikana agaciro gakomeye k'ubuzima, kuko bukomoka ku Mana Nyir'ubuzima. Kwaka undi ubuzima ni icyaha gikomeye kuko ugikoze aba ahinyuye Uwo ubuzima bwose bukomokaho.

Bakristu Bavandimwe,

Turi mu rugendo rwo gukomeza kwiyubaka duhangana n'ingorane zikomoka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi n'ingaruka zayo. Kiliziya Gatolika mu Rwanda ikomeje gushishikariza abakristu by'umwihariko n'abanyarwanda muri rusange gutera intambwe mu bumwe n'ubwiyunge, twibuka ko gusaba imbabazi no kuzitanga bibohora imitima kandi bikunga abantu n'imiryango. Ni urugendo rusaba imbaraga z'umutima n'ukwiyemeza. Niwo muti ukwiye kugira ngo twongere kugira ubusabane n'ubuvandimwe bufatika. Abakoze ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibiyishamikiyeho turabashishikariza gukomeza urugendo rwo gusaba imbabazi kugira ngo bigorore n'abo bahemukiye, bigorore n'Imana, bigorore n'umutima wabo, bigorore n'igihugu ndetse n'amateka yabo. Ni cyo Ivanjili itwigisha. Gutanga imbabazi ni ubutwari bukomeye, ni ugusa na Yezu Kristu. Ubwo yari ku musaraba, yasabiye abishi be agira ati: "Dawe, bababarire kuko batazi cyo bakora" (Lk 23, 34).

Turashishikariza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi gutanga imbabazi ku babahemukiye, bakemera kuzibasaba. Nibyo bifasha uru rugendo turimo rw'ubumwe n'ubwiyunge kugera ku mbuto nyazo no kubaka umubano mu bantu.

Kiliziya Gatolika mu Rwanda, ibinyujije cyane cyane muri Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ikomeje umurimo wo kubanisha abanyarwanda mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge. Nyuma y'imyaka 28 Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe, igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge kigeze ahashimishije. Ndagira ngo nshishikarize abasaserdoti n'abiyeguriyimana gukomeza imbaraga muri uwo murimo w'isanamitima. Ni umurimo w'ibanze wa Kiliziya, ujyanye no kogeza Ivaznjili ya Yezu Kristu. Diyosezi zacu n'amaparuwasi nizikomezanye umurava ubutumwa bw'isanamitima, isanamiryango n'ubwiyunge. Hari izikataje; ni byiza ko n'izindi zifata iyo ntambwe.

Bakristu bavandimwe,

Nk'uko mumaze kubimenyera, Kiliziya Gatolika mu Rwanda yagennye umunsi wihariye wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu minsi ijana. Ni Uwa gatandatu wa mbere w'ukwezi kwa gatanu. Ni umunsi uharirwa Igitambo cy'Ukaristiya duturira abahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi, isengesho, gusura urwibutso, igikorwa cyo gufasha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bakeneye ubufasha, n'ibindi… Iki gikorwa kandi ntikireba abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi gusa, ni igikorwa cyacu twese abakristu. Kuko twibuka nk'umuryango w'abanyarwanda kandi w'abakristu.

Icyo gihe cyo kwibuka kizabanzirinzwa na Noveni yitabirwa n'abakristu mu matsinda yabo asanzwe yo gusenga. Muri uyu mwaka, Noveni izatangira ku wa kane tariki ya **28/04/2022 irangire ku wa gatanu tariki ya 06/05/2022**. Murabona ku mugereka w'iyi baruwa uko Noveni izagenda nk'uko byateguwe na Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro. Iyi Noveni izajya kandi inyura no kuri Radio Maria Rwanda.

Bakristu Bavandimwe,

Muri iki gihe cyo kwibuka abacu ku nshuro ya 28, turasabwa gukomeza gusubira ku isoko tuvomaho ubuzima ari we muri Kristu Bumwe bwacu kuko ari we wahuje byose (Ef 1, 10). Mu mateka yacu nk'abanyarwanda, ubwo bumwe bwarabuze maze tugwa mu icuraburindi ryaduhekuye rinadusigira ibikomere n'ubu tukibana nabyo. Niyo mpamvu twibuka kugira ngo dukomeze turangamire Imana, yakire roho z'abacu izituze mu mahoro; kandi natwe abasigaye dukomeze tumurikirwe na Roho Mutagatifu kugira ngo ishusho

y'Imana muri twe itazongera kwanduzwa n'icyaha tukagwa mu icuraburindi twaguyemo mu myaka 28 ishize.

Nk'uko twaremwe mu ishusho y'Imana (Intg 1, 26), ikaba ari ishusho y'urukundo ntagereranywa Imana yadukunze, kugeza ubwo itanze Umwana wayo igira ngo umwemera wese atazacibwa, ahubwo agire ubugingo bw'iteka (Yh 3, 16), duhamagariwe gukomeza kubaka ubumwe bw'abana b'Imana. Yezu Kristu yaduhurije mu muryango umwe maze aca urwango rwadutandukanyaga, rwari rumeze nk'urukuta ruri hagati yacu (Ef 2, 14). Ubwo twibuka twiyubaka, twite cyane ku kubaka imitima yacu kuko ari yo gicumbi cy'ubuvandimwe n'imibanire myiza.

Duhugukire gusenga mu kuri k'umutima wacu kuko isengesho ari ryo riduhindura kandi rigafungura imiryango igana kuri Roho Mutagatifu. Mu isengesho, iyo turetse Roho w'Imana akinjira mu buzima bwacu, ibitangaza byinshi biraba, ibitashobokaga bigashoboka. Twite kandi kuri Ukaristiya, tuyihabwe neza, kuko niyo gihango cy'ubumwe twarazwe na Kristu kandi niyo iduhamiriza ubuvandimwe dufitanye nk'abana b'Imana.

Kuri iyi nshuro ya 28 twibuka abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, dukomeze tube hafi y'abagizweho ingaruka nayo, twibuka ko urukundo ari rwo rwomora uwakomeretse, rugakomeza uwahungabanye, rugasindagiza abari mu rugendo rw'ubwiyunge n'isanamitima.

Mbaragije Umubyeyi wacu Bikira Mariya wa Kibeho, Umwamikazi w'amahoro. Nadufashe kunoza imibanire yacu nk'abakristu kandi ashyigikire intambwe zacu mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge.

Kigali, tariki ya 9 Mata 2022

COMMISSION EPISCOPALE
CEJP RWANDA
JUSTICE ET PAIX

**+ Antoni Karidinali KAMBANDA**
**Arkiyepiskopi wa Kigali n'Umuyobozi wa Diyosezi Kibungo,**
**akaba n'Umuyobozi wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda**